Ibiganiro byashojwe n'ubutumwa bwa Musenyeri Servilien NZAKAMWITA, Umwepiskopi wa Byumba akaba na Perezida Komisiyo y'Abepiskopi ishinzwe Ikenurabushyo ry'urubyiruko.

Musenyeri yibukije urubyiruko ko Imana yaturemye mu ishusho ryayo, iturema twese turi beza kugira ngo tubane neza kandi tugire isi nziza: "*Isi tugomba kuyigira paradizo. Tuzave muri iyi Forumu, isi tuyigira paradizo*".

Abari muri Forumu bamaganye ibiyobyabwenge bivuye inyuma!

Urubyiruko rwari rwabukereye ku muganda!

Igikorwa cy'umuganda n'imbyino zamagana ibiyobyabwenge byajyaniranaga!

"WIGIRA UBWOBA" NO 3

AKANYAMAKURU KA FORUMU YA 17 Y'URUBYIRUKO CYANGUGU, 8-12/8/2018

Mu nyigisho ye, Padiri MUNYANGAJU Léonard, Umunyamabanga wa Komisiyo y'Abepiskopi ishinzwe Ikenurabushyo ry'urubyiruko, yakanguriye urubyiruko kurangwa n'ukwemera bafatiye urugero kuri Bikira Mariya waranzwe n'ukumvira, akegurira Imana ubuzima bwe bwose.

Ubwanditsi:
Padiri Longin NDUWAYEZU
Padiri Fidèle NSHIMIYIMANA
Fratri Innocent MBARUSHIMANA
Fratri Pierre Damien NIZEYIMANA
Mme Grâce INGABIRE
Mlle Jeanne d'Arc NYIRAMWIZA

Nk'uko Ivanjili y'uyu munsi yatubwiye, uko kwemera ni ko abakurikiye Yezu bakesha ibitangaza.

Yashishikarije urubyiruko gukomera ku migenzo myiza y'u busugi n'ubumanzi bamurikiwe n'ubuzima bwa Mutagatifu Kalara twahimbaje none.

Nyuma y'Igitambo cya Misa, abitabiriye Forumu bahuriye mu gikorwa cy'umuganda, aho bagize uruhare mu gutegura ahazubakwa ibyumba bishya by'amashuri ku Ishuri ribanza rya Cyangugu, gukora isuku ku muhanda no ku kibuga cy'umupira kiri i Gihundwe muri Paruwasi Katedrali ya Cyangugu.

Abayobozi b'inzego za Leta n'iz'umutekano bifatanyije n'urubyiruko mu muganda

Ni umuganda witabiriwe kandi n'abari mu nzego bwite za Leta, baboneyeho umwanya wo gutanga ubutumwa bujyanye n'Umunsi

Mpuzamahanga w'Urubyiruko wizihizwa buri 12 Kanama.

Ku ikubitiro, Bwana KAYUMBA Ephrem, Umuyobozi w'Akarere ka Rusizi, yashimiye Kiliziya Gatolika itegura iyi gahunda y'amahuriro y'urubyiruko. Yasabye urubyiruko gukoresha imbaraga n'ubwenge bafite bakora ibyiza, bakagororokera Imana, bakumva inama z'abakuru. Ibyo bizatuma bagera ku byiza byinshi, bizatuma bavamo abayobozi beza b'igihugu ejo hazaza.

Kayumba Ephrem, Umuyobozi w'Akarere ka Rusizi, ageza ubutumwa ku rubyiruko

Bwana BIGENIMANA Emmanuel, Umunyamabanga Uhoraho muri Ministeri y'Urubyiruko, na we yagize ubutumwa agenera urubyiruko. Yashimye ubufatanye hagati ya Leta na Kiliziya mu kurera urubyiruko no kurutoza indangagaciro zubaka ubumuntu bwuzuye. Yanashimiye Kiliziya ko mu ihuriro nk'iri irenga imipaka igatumira n'abo mu mahanga ya kure, nk'ikimenyetso ko abantu bose ari bamwe, ko bagomba gukorana, ntihagire ikibatanya.

Ahereye ku bipimo byerekana ko mirongo irindwi ku ijana (70%) by'abatuye igihugu cyacu

ari abari munsi y'imyaka mirongo itatu (30) yasabye urubyiruko kumva ko rugize imbaraga zikomeye n'amaboko u Rwanda rukeneye gushingiraho kugira ngo rukomeze gutera imbere.

Yeretse kandi urubyiruko ko kugira ngo rugire uruhare mu kubaka igihugu na Kiliziya, rugomba guharanira icyaruteza imbere, cyane cyane rwibumbira hamwe mu makorali, mu miryango ya Agisiyo Gatolika n'ibimina.

Umunyamabanga Uhoraho muri Ministeri y'Urubyiruko asaba urubyiruko kwiteza imbere rukora ikiri icyiza

Ibyo bikajyana no kwirinda ibyaha n'ingeso mbi nk'ubusinzi, kwishora mu biyobyabwenge n'ubusambanyi buyobora akenshi ku gutera no gutwara inda z'indaro. Yarushishikarije kuva mu byaha rugana intebe ya penetensiya.

Mu gusoza, Bwana BIGENIMANA yakanguriye urubyiruko gukoresha neza ubwisanzure bwarwo rugira uruhare mu kwitorera abayobozi, rukora sport, rukoresha neza ikoranabuhanga n'imbuga nkoranyambaga kandi rugeza ku bandi inyigisho bahawe.